

POLISI Y'U RWANDA



IBIRO BISHINZWE ABAKOZI

P.O. Box 6304 KIGALI

www.police.gov.rw

ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA KWIGA MU ISHURI RIKURU RYA POLISI Y'U RWANDA-MUSANZE, BASOJE AMASHURI YISUMBUYE Y'IMYUGA N' UBUMENYINGIRO MU IKORANABUHANGA (TVET)

Dushingiye ku itangazo rya Polisi y' u Rwanda ryasohotse tariki 16 Nzeri 2026 rimenyesha abifuza kwiga mu ishuri rikuru rya Polisi rihereye mu Ntara y' Amajyaruguru, Akarere ka Musanze, dushingiye kandi kumpinduka zakozwe na Kaminuza nkuru y' u Rwanda ku bemerewe kuyigamo, turamenyesha ko abize amashuri y' isumbuye y' imyuga n' ubumenyingiro/TVET mu ishami ry' ikoranabuhanga bemerewe kwiwandikisha mu ishami ry' ikoranabuhanga guhera tariki ya **3 Ukwakira 2026** kugeza tariki ya **12 Ukwakira 2026**.

Uwiyandikisha agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- a. Kuba ari umunyarwanda
- b. Kuba afite imyaka hagati ya 18 na 23
- c. Kuba yaratsinze neza ibizamini bisoza amashuri yisumbuye
- d. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kirengeje amezi atandatu
- e. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire
- f. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo ya Leta
- g. Kuba afite ubuzima buzira umuze
- h. Kuba ari ingaragu

i. Kuba yarize Software Development (SWD), Networking and Internet Technology (NIT), Computer Systems and Architecture (CSA), Software Programming and Embedded Systems (SPES), kuba yaratsinze amasomo yose ya siyansi nkuko bisabwa na Kaminuza nkuru y' u Rwanda, kandi yaratsindiye kumanota nibura 80% kuzamura.

Abujuje ibisabwa biyandikisha baciye ku rubuga rwa www.police.gov.rw, bakajya kuri E-Recruitment bagakurikiza amategeko n'amabwiriza. Ibindi bisobanuro birambuye, mwabisanga muri video iri ku mbugankoranyambaga za Polisi, isobanura imikoreshereze ya E-Recruitment.

Cyangwa mugahamagara kuri **0788311526, 0788311785**, na **0781860024**.

Bikorewe i Kigali kuwa...02.../10/2026

Jacques BURORA

Assistant Commissioner of Police (ACP)

Komiseri ushinze abakozi muri Polisi y'u Rwanda